

Uko Abanyeshuri Basuzumwa

Amabwiriza ku Miryango Mishya

Isuzuma ryo mu ishuri

Mwarimu w'umwana wawe azitegereza kandi asuzume umwana wawe kugira ngo amenye neza uko yasobanukiwe ibyo yigishijwe. n'amasomo yigishwa. Aya masuzuma azashingira ku nteganyanyigisho z'amasomo za buri cyiciro hamwe n'ibyo umwana wawe yitezweho kwiga muri icyo cyiciro.

Mwarimu azajya aha umwana wawe ibitekerezo ku byo akora kenshi kugira ngo amenye neza uko ahagaze mu myigire ye. Ibi bitekerezo bishobora gushingira ku biganiri agirana n'umwana wawe, ku kureba uko yitwara mu masomo, ndetse n'ibyo umwana wawe akora bigaragaza ibyo yize. Ibikorwa bishobora kuba imikoro yo mu ishuri, imishinga, kwerekana ibyo wize, n'ibizamini. Mwarimu ndetse n'ishuri bashobora kandi gukoresha aya makuru mu gukurikirana no gutanga raporo ku iterambere ry'umwana wawe.

Uburyo bwo kuvugana n'umuryango ku bijyanye n'ukuntu umwana wawe ahagaze mu ishuri:

- ibiganiri n'umwarimu
- ibitekerezo, urwego rw'ubushobozi, amanota, n'ijanisha ku mikoro yo mu ishuri n'ibyakozwe nk'ingero
- amakuru asangirwa ku rubuga rwa "PowerSchool rw'abanyeshuri n'ababyeyi", rushobora kuboneka mu gice cyitwa "Abanyeshuri n'Ababyeyi" ku rubuga rwacu: [Students & Parents | Education and Early Childhood Development \(ednet.ns.ca\)](https://ednet.ns.ca).

Ku bindi bisobanuro ku buryo bwo kuvugana, reba mu mabwiriza ku Miryango Mishya mu nyandiko y' "Uko wahana amakuru n'Umwarimu w'Umwana Wawe n'Ishuri."

Indangamanota

Ishuri ry'incuke

Abana biga mu ishuri ry'incuke ntibahabwa indangamanota. Mwarimu w'umwana wawe w'ishuri ry'abana bato azajya aguha amakuru agezweho ku iterambere ry'umwana wawe. Bashobora kukohereza inyandiko, nko muri dosiye cyangwa mu gitabo cya nyamunsi, igaragaza uko umwana wawe ahagaze mu myigire ye. Mwarimu w'abana bato azakoresha ibyo yabonye ku mwana wawe mu gutegura ubundi buryo bushya buzamufasha gukomeza kwiga.

Amashuri y'ibanze (ibyiciro bibanza kugeza ku cyiciro cya 6) n'amashuri yisumbuye (kuva ku cyiciro cya 7 kugeza 12)

Abanyeshuri bo mu mashuri abanza kugeza mu ayisumbuye icyiciro cya 12 bahabwa indangamanota. Indangamanota igaragaza uko umwana wawe ahagaze mu myigire ye muri iki gihe cy'umwaka w'ishuri. Umwana wawe ashobora guhabwa indangamanota hagati mu masomo, mu gihembwe, cyangwa mu gihembwe cya kabiri, ku mpera y'isomo, igihembwe, cyangwa ku mpera y'umwaka w'ishuri. Urubuga rwa interineta rw'ibigo by'Uturere bishinzwe Uburezi/Conseil scolaire acadien provincial (CSAP) ruzaba rufite gahunda y'igihe indangamanota zoherezwa mu miryango.

Indangamanota ifite ibice bibiri:

- Igice cy' **Umwirondoro w'Umunyeshuri** gitanga amakuru ku bumenyi bw'imibanire y'umwana wawe n'umyitwarire ye mu kazi.
- Igice cya **Imitsindire y'Umunyeshuri** gitanga amakuru ku bumenyi n'ibitekerezo umwana wawe yize. Iki gice kizakubwira niba umwana wawe ageze ku ntego z'amasomo ziteganijwe ku rwego rwe rw'ishuri.

Amashuri abanza kugeza ku cyiciro cya 3

Mu byiciro by'amashuri abanza kugeza ku cyiciro cya 3, indangamanota zizajya ziba zirimo ibitekerezo ku iterambere ry'umwana wawe mu masomo y'ururimi n'imibare. Andi masomo, nk'ubuzima, ikoranabuhanga ryo gutumanaho, siyansi, ubumenyi bw'imibereho, n'ubugeni, zishyirwa hamwe n'amasomo y'ururimi n'imibare, bityo ushobore no kubona ibitekerezo ku myigire y'umwana wawe.

Mu byiciro 1 kugeza 3, indangamanota zizagaragaraho WD, DE, ND, cyangwa INS:

WD	gusobanukirwa no gukoresha neza ibitekerezo n'ubumenyi
DE	ari gutera imbere nk'uko biteganyijwe mu gusobanukirwa no gukoresha ibitekerezo n'ubumenyi
ND	akeneye gutezwa imbere mu gusobanukirwa no gukoresha ibitekerezo n'ubumenyi
INS	nta gihamya ihagije yo gutanga raporo ku rwego rwo kugera ku ntego z'amasomo ziteganijwe

Indangamanota z'igihembwe cya kabiri n'icya gatatu zizajya ziba zirimo amanota n'ibitekerezo nk'uko byasobanuwe hejuru, ndetse n'amakuru ku iterambere ry'umwana mu masomo y'umuziki n'imyitozo ngororamubiri.

Icyiciro cya 4 kugeza ku cya 6

Mu byiciro bya 4 kugeza ku bya 6, indangamanota zizaba zirimo ibisobanuro ku iterambere ry'umwana wawe mu masomo y'indimi n'imibare. Andi masomo, nk'ubuzima, ikoranabuhanga ryo gutumanaho, siyansi, ubumenyi bw'imibereho, n'ubugeni, zishyirwa hamwe n'amasomo y'ururimi n'imibare, bityo ushobore no kubona ibitekerezo ku myigire y'umwana wawe .

Indangamanota y'igihembwe cya mbere ku byiciro bya 4 kugeza ku bya 6:

WD	gusobanukirwa no gukoresha neza ibitekerezo n'ubumenyi
DE	ari gutera imbere nk'uko biteganyijwe mu gusobanukirwa no gukoresha ibitekerezo n'ubumenyi
ND	akeneye gutezwa imbere mu gusobanukirwa no gukoresha ibitekerezo n'ubumenyi
INS	nta gihamya ihagije yo gutanga raporo ku rwego rwo kugera ku ntengo z'amasomo ziteganijwe

Indangamanota y'igihembwe cya kabiri n'icya gatatu ku byiciro bya 4 kugeza ku bya 6:

A	gusobanukirwa neza inyigisho n'ubumenyi bwigishijwe no kubushyira mu bikorwa
B	gusobanukirwa neza no gushyira mu bikorwa inyigisho n'ubumenyi
C	gusobanukirwa mu buryo bw'ibanze no gushyira mu bikorwa inyigisho n'ubumenyi
D	kudasobanukirwa no kudashyira neza mu bikorwa inyigisho n'ubumenyi

Indangamanota z'igihembwe cya kabiri n'icya gatatu zizaba zinagaragaza amanota n'ibitekerezo ku iterambere mu rurimi rw'Igifaransa nk'isomo ry'ibanze (cyangwa ururimi rwa Mi'kmaw cyangwa urwa Gaelic aho bitangwa), umuziki, n'uburezi bw'imyitozo ngororamubiri.

Icyiciro cya 7 kugeza ku cya 12

Mu byiciro bya 7 kugeza ku bya 12, indangamanota zizaba zirimo ibisobanuro ku iterambere ry'umwana wawe mu masomo yiga. Ubumenyi bw'umwana wawe buzasobanurwa hakoreshejwe ibi bipimo by'amanota n'inyito zikurikira:

90–100%	Yerekana gusobanukirwa byimbitse no gukoresha neza inyigisho n'ubumenyi mu bijyanye n'ibyo yize.
80–89%	Yerekana gusobanukirwa neza cyane no gukoresha neza inyigisho n'ubumenyi mu bijyanye n'ibyo yize
70–79%	Yerekana gusobanukirwa neza no gukoresha neza inyigisho n'ubumenyi mu bijyanye n'ibyo yize
60–69%	Yerekana gusobanukirwa no gukoresha neza ku rugero rushimishije inyigisho n'ubumenyi mu bijyanye n'ibyo yize
50–59%	Yerekana gusobanukirwa gake no gukoresha bike inyigisho n'ubumenyi mu bijyanye n'ibyo yize
Below 50%	Ntiyarenze ku bipimo fatizo by'amasomo.
INS	Nta bimenyetso bihagije byo gutanga raporo ku rwego rw'iterambere ryitezwe mu masomo.
N/A	Abarezi bakoresha "N/A" igihe isomo ritigeze risuzumwa mu gihe cy'igihembwe.

Raporo kuri Porogaramu Yihariye y'Umntu ku Giti Cye: Niba umwana wawe akurikira Porogaramu Yihariye y'Umntu ku Giti Cye (Individual Program Plan, IPP) mu masomo ye, uzajya ubona amakuru ku iterambere rye mu nyandiko yihariye kuri buri gihe cy'igihembwe mu mwaka w'ishuri.

Ibizamini bya Leta ku byiciro bya 3, 6, na 8

- Ibizamini bya Leta ya Nova Scotia bipima ubumenyi mu gusoma, kwandika, no mu mibare.
- Bipima ibyo umwana wawe yize mu mwaka wose w'ishuri, bityo abanyeshuri ntibakeneye kwigira ibizamini.
- Abarimu bafasha kandi bagategura abanyeshuri gukora ibizamini mu kwezi kubanziriza ikizamini
- Amezi macye nyuma y'ikizamini, uzahabwa raporo isobanura uko umwana wawe yitwaye mu kizamini. Abarezi bashobora gukoresha aya makuru kumenya uko umwana wawe ahagaze no kureba niba akeneye ubufasha bwisumbuyeho.A.
- Uburyo bw'imfashanyigisho mu myigire mu ishuri bushobora gukoreshwa mu gihe cy'ikizamini. Niba imfashanyigisho runaka itemerewe ku mpamvu z'ikizamini, Itsinda rishinzwe gutegura imyigire y'umunyeshuri, rikubiyemo umubyeyi/umurera, rishobora gufata umwanzuro ku buryo bwo gukomeza: umunyeshuri ashobora kwandika ikizamini adakoresheje iyo mfashanyigisho cyangwa akareka kwandika ikizamini.
- Niba umwana wawe ari mushya mu kwiga icyongereza cyangwa Igifaransa, ashobora kudakenere kwandika ikizamini.
- Niba umwana wawe afite Porogaramu Yihariye y'Umntu ku Giti cye mu masomo y'indimi cyangwa imibare, ashobora kudakenere kwandika ikizamini.

Kugira ngo umenye byinshi ku bizamini bya leta:

- Vugana n'umwarimu w'umwana wawe cyangwa usure urubuga rwa [Student Assessment](#) ku rubuga rw'Ishami rishinzwe Uburezi n'Iterambere ry'abana bato.

Uburyo bwo kubona amakuru

Kugira ngo ubone andi makuru, vugana n'ikigo cy'Akarere gishizwe Uburezi (Regional Centre for Education,RCE) cyangwa Conseil scolaire acadien provincial (CSAP).

- **Annapolis Valley Regional Centre for Education (AVRCE)**
- **Cape Breton-Victoria Regional Centre for Education (CBVRCE)**
- **Chignecto-Central Regional Centre for Education (CCRCE)**
- **Conseil scolaire acadien provincial (CSAP)**
- **Halifax Regional Centre for Education (HRCE)**
- **South Shore Regional Centre for Education (SSRCE)**
- **Strait Regional Centre for Education (SRCE)**
- **Tri-County Regional Centre for Education (TCRCE)**
- **SchoolsPlus itanga serivisi n'ubufasha butandukanye kandi iboneka muri buri shuri ryo muri Nova Scotia**

Kubona ubufasha mu muryango w’aho utuye, hamagara:

- **YMCA School Settlement** – iboneka mu karere k’umuji wa Halifax Regional Municipality (HRM)
- **YREACH** – iboneka mu ntara yose(hanze ya HRM)
- **Immigration Francophone** – iboneka binyuze ku mukozi ushinze abanyeshuri n’imiryango y’abimukira